IJAMBO LYA PREFE WA PREFEGITURA KIGALI YAVUZE MW'ISURWA RYA PREFEGITURA KIGALI NA NYAKUBAHWA PREZIDA WA REPUBLIKA.

---

Nyakubahwa Militant Prezida wa Republika, Prezida-Fondateri wa Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Nyakubahwa Militant Munyamabanga Mukuru wa M.R.N.D.;

Ba Nyakubahwa Militant mugize Komite-Nyobozi ya M.R.N.D.;

Ba Nyakubahwa Militant Ministri;
Ba Militantes ba Militants, ba Sympathisantes, ba sympathisants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda.

Kuva muli 1973, Republika ya kabili ishinzwe, ibyiza byakozwe ni byinshi mu Gihugu, ufite amaso yakwirebera. Ibyo tubikesha Militant Prezida wa Republika HABYARIMANA Juvénal we utaradutengushye ubwo yatwizezaga agira ati:

"Icyo mbanje kubasezeranya ni uko nzakomeza gukoresha imbaraga zanjye zose n'umutima wanjye wose kugira ngo ngeze Abanyarwanda ku mibereho irushijeho kuba myiza, mu nzira y'umubano mwiza n'ubwumvikane".

Koko rero iyo ntego ntiwigeze uyitezukaho na limwe, Militant Prezida wa Republika, uli "Ruticumugambi, Rudatabamunama abo mwatabaranye ku rugamba rwo kurwanya inzara, ubujiji n'umwiryane, uli ingenzi uhora ugenda imbere wowe Rwego rw'abahizi"; ni bakumpere amashyi n'impundu.

Nyakubahwa Prezida wa Republika, nk'uko bisanzwe mu muco wacu i Rwanda, umubyeyi yagiraga igihe ateranyiliza hamwe abana be kugirango abamare ubwoba, bamutinyuke, bamwizere, bamuganilire, mbese bamutetere bamushimira ibyiza yabagiliye, ndetse banamutakambire bamubwira ibibababaje, bamwereke ko muli bo hali abakili ibitambambuga, ab'ingimbi n'abangavu, abaciye akenge n'abasheshe akanguhe, batereke imihigo bamubwire icyo bagezeho n'imigambi bafite yo kumutera inkunga.

...../....

Uwo muco mwiza w'abakurambere, twishimiye twese aba militante n'aba militant, Nyakubahwa Militant Prezida wa Republika ko muwushyigikiye kuko igihe cyose mushyikirana natwe mu nama nk'izi tukabagezaho ibibazo, ingorane n'ibyifuzo byacu bityo bikabafasha kumenya intambwe tugezeho mu itsura ly'amajyambere yacu n'ay'Igihugu.

Dore nko kuva aho duherukanira ubwo mwatugendereraga hano muli Prefegitura ya Kigali, ibyakozwe ni byinshi; uwabirondora yarondogora, gusa dore umusogongero: naho ubundi ngo "Ijisho lya Mukuru ntirizinduka...."

- Buli Komini yifitiye Centre de santé nibura imwe:
- Imyaka ya 7 n'iya 8 yarubatswe, ntibagiwe ateliers scolaires;
- Amashyamba muli Komini ni ngo urore;
- Gushaka no gukwiza amazi meza Komini zarabyitabiliye;
- Imihanda muli za segiteri ni nyabagendwa;
- Kubaka neza no gutura heza Kigali yabaye indatwa ubuibati niryo nyakatsi yo hambere;
- Isuku iliyongera mu baturage ali ku mubili no ku myenda hose ni Icyumweru.

Ibyo byose tubikesha amahoro n'ubumwe mwatuzaniye, Nyakubahwa Prezida wa Republika, byo byatumye duterana inkunga, tukibumbira hamwe muli M.R.N.D. tugatanga umuganda tutiganda kuko tuli bene mugabo umwe.

Nanone "Ntabyera ngo de"! Nyakubahwa Militant Prezida wa Republika, nubwo aba Militante n'aba Militant ba Prefegitura ya Kigali twishimiye byimazeyo ibyo byiza mwatugejejeho dufatanije, twongeye kubatakambira ngo mudutere indi nkunga, mudushakire umuti mw'izi ngorane duhura nazo muli iyi Prefegitura:

- Amabandi yaratujogoroje muli uyu mugi wa Kigali no mu ma Komini awegereye. Twaraye amarondo, twaratabaranye, aliko biranga bikaba iby'ubusa. Amabandi alica, arakomeretsa akanasahura. Twali twizeye kubona agahenge ubwo muli bo bahanwaga, abagome bagatangirwa ku karubanda, abali mu ndili bamaze mo amezi, abaturage turasinzira. Nene barubuye. Ikibabaje cyane ni uko iyo abaturage birwanyeho bagafata bamwe muli abo bagizi ba nabi, bakabashyikiliza ababishinzwe ngo bahanwe, usanga ahanini barekurwa ngo nta bimenyetso

bagatanga ababazanye kugera mu rugo, noneho bagakaza umurego w'ububi. Turakeka ko abagome bagiye batangwa ku mugaragaro, kandi hakanabaho ikipe ya Gendarmerie ifite ibyangombwa bihagije ikaba iyo kurwanya amabandi gusa, ahali bakwikanga bakagabanuka.

- Nk'uko byakomeje kwifuzwa kuva hambere mubyerekeye ubucamanza:

Umujyi wa Kigali wonyine ufite abaturage barenga ibihumbi ijana ubwo n'imanza ni nyinshi cyane kubera abo bantu kandi haba haliho izihutirwa nk'iz'abakozi, abashakanye, iz'ubucuruzi, iz'abanyururu, etc. Ubu Tribinstance ifite imanza 11.500 igomba kuburanisha kandi ifite abakozi bakeya n'inzu idahagije. Tukaba dusaba byibura inkiko eshatu za Tribinstance mu mujyi wa KIGALI:

1°. Urukiko ruburanisha imanza z'inshinja-byaha (tribunal répressif)
2°. Urukiko ruburanisha imanza z'imboneza-mubano (tribunal civil)
3°. Urukiko ruburanisha imanza z'ubucuruzi n'abakozi (tribunal de commerce et tribunal du travail).

- Nyakubahwa Prezida wa Republika, aba Militante n'aba militant ba Prefegitura ya Kigali twishimiye kandi dushyigikiye igitekerezo cyanyu cya kibyeyi cy'uko umwana wese agomba kugira se na nyina n'ubwo yaba avutse ku buryo butemewe n'amategeko aliho ubu. Koko rero kuva kera kose uwo muco urasanzwe iwacu i Rwanda. Twizeye ko abashinzwe gushyiraho amategeko icyo kifuzo cyanyu bazacyubahiliza.

- Kubera ko muli Prefegitura yacu abaturage biyongera nk' ahandi hose mu Rwanda, ahali amasambu yarashize, none dusigaye duhura n'ibibazo by'abantu bahora bazerera bashaka amasambu bavuye mu yandi ma Prefegitura yose y'u Rwanda, tukagira ingorane zo kubasubizayo.

- Hali nanone ikibazo cy'abaturanyi bacu bakomoka mu bihugu duhana imbibi basabye ubwene-gihugu bamaze kureka ubw'iwabo. Kuva aho dutangiye indanga-muntu nshya abo bali mugihirahiro kuko nta byangombwa bafite. Turasaba ko ababishinzwe bakemura icyo kibazo kimaze igihe kirekire.

..../....

- Republika ya Kabili yagize neza igihe Leta ifashe icyemezo cyo kuvugurura amashuli. Komini zose zakoze iyo bwabaga ziyubakira amashuli na za ateliers, Leta kandi yarazigobotse, Komini zarayishimiye, aliko ngo "Ugukanira niwe umenya urugukwiye". Niyo mpamvu za Komini zibatakambiye zibasaba kuyishyulira imyenda iryo vugururwa ry'amashuli ryazisigiye. Kuko za CERAI alicyo gikorwa kigaragara cyane kandi abaturage bishimiye, icyifuzo ni uko buli mwaka zajya zongerwa, aho kuba ebyili muli buli Komini, buli centre ikagira iyayo.

- Iyo witegereje usanga amashuli yisumbuye yirunze muli Kigali Capitali, turasaba ko n'utundi turere twa Kigali tutakwibagirana: nk'i Rutongo mu Buliza, i Nzige mu Buganza (commune Bicumbi) n'i Rwankuba mu Bumbogo.

- Iyinjiza ry'abana mu mashuli yisumbuye lyali likwiye gukulikiza ibyemezo byafashwe na Kongre ya III y'igihugu ya M.R.N.D. kugira ngo ababyeyi bashire amakenga; n'aho ubundi kubiheza mu bwiru bakeka ko hali icyo babahishe.

Nyakubahwa Militant Prezida wa Republika ubwo mwadusuraga mu wa 1976 aba militante n'aba militant b 'iyi Prefegitura babagejejeho ibyifuzo byinshi, muli byo bali ibyabonewe umuti, aliko hali n'ibindi bisa nk'ibyibagiranye, niyo mpamvu bantumye kubibibukiliza.

Icyo gihe babasabye ko bishobotse mwabubakira ibitaro binini i Nyamata ho mu Bugesera, i Rushashi muli Bumbogo na Gicaca mu Buganza. Nanone batabagondoje bali basabye ko umuhanda Nyabugogo-Rushashi-Gakenke n'uwa Kigali-Remera-Gicaca-Gikomero-Musha Leta yayikora neza kandi ikahashyira autobus zatuma abaturage b'i Bumbogo n'u Buganza bava mu bwigunge.

..../....

Nyakubahwa Prezida wa Republika, aba Militante n'aba Militant b'i Bumbogo bagize Imana mubaha S/Prefegitura, barabibashimiye cyane, aliko barabasaba ko mwabaha n'umuliro w'amashanyarazi, amazi yo barayabonye. Uwo muliro ufatiwe i Rulindo ugacanira S/Prefegitura Bumbogo na S/Prefegitura NDIZA byashimisha nkuko byarushaho habonetse iteme ryambuka Nyabarongo ligahuza izo s/Prefegitura zombi zikabona uko zishyikirana, zikanahahirana.

Nanone ako karere k'u Bumbogo gasa n'akibagiranye nta mushinga w'amajyambere uharangwa, bishobotse umushinga wo gutera amashyamba Banque Mondiale idufashamo wakwitsura ukagerayo aho guhinira i Shyorongi; ubwo mu minsi itaha byazadufasha kubona amakara yo gucana kuko amashyamba kimeza yo mu Bugesera bayagerereje; none ubu tukaba twibaza uko Kigali-umujyi izamera niba Leta itatugobotse vuba ngo idushakire izindi nkwi zitali amakara. S'u Bumbogo gusa bubabaje u Buganza nabwo bwaradindiye, turasaba ko haba umushinga uzamura rubanda nyamwinshi ba Komini Gikomero, Gikomero na Rubungo igice kimwe.

Turashimira Leta ko yongereye amazi mu mujyi wa Kigali kandi ikayasukura. Aliko kuko Kigali-umujyi atali yo gusa Kigali Prefegitura, turasaba umushinga wihutirwa wo kuzana amazi mu karere k'u Bugesera kasigaye, mu Buganza na Bwanacyambwe babona amazi meza iyo ijuru lyalize.

Nyakubahwa Prezida wa Republika, koko muli Prefegitura ya Kigali, dusanga Komini Shyorongi yali ikwiliye gushyirwa muli S/Prefegitura ya Bumbogo, kuko ili mu karere kamwe n'andi makomini ayigize. Naho abamilitante n'aba militant bo mu Buliza balifuza S/Prefegitura yakwicara i Murambi ikagirwa na Komini Mbogo,Mugambazi na Rutongo. Abanyabwanacyambwe n'abaganza bati twe iyacu yaba i Kabuga igakomatanya Komini Gikomero, Gikoro, Bicumbi, Kanombe, Rubungo na Butamwa.

.../...

Birumvikana ko Nyarugenge yakenera itegeko lyihaliye li-yigenga, aliko abaturage bayituye basabye ko mu itegura ly'iryo te-geko bagiraho uruhare, kandi Prefegitura yagira ibiro n'ingoro ya M.R.N.D. bihuje n'igihe tugezemo.

Mu mugi abanyamaguru ni benshi, barasaba Leta ko yabibuka ikajya ibasigira inzira banyuramo bataziguye. Nanone aba-genzi bakunda kuba benshi ali aho bategera imodoka, cyangwa se abaje mu masoko aliko abo bose ntibagira aho bituma, Leta ibagobotse yaba ibabyaye.

Banyacyubahiro mwese mwatugendereye,
Bavandimwe ba Kigali mwaje kumfasha
kwakira aba bashyitsi bahire;

Nongeye kubasaba kumpera amashyi n'impundu Nyakubahwa Umubyeyi wacu Militant HABYARIMANA Juvénal we dukesha Republika ya kabili na Muvoment yacu yatugejeje kuli byinshi.

Narambe, nasugire, nasagambe muli twe!!!

Kigali, kuwa 29 Kanama 1981

PREFE WA PREFEGITURA
HABARUSHAKA Claudien
(sé)

---------------

REPUBLIQUE RWANDAISE

PREFECTURE KIBUNGO

IJAMBO RYA PREFE WA KIBUNGO YAVUZE KW'ITALIKI YA 19 KANAMA 1981 IGIHE PREZIDA WA REPUBULIKA AGENDEREYE PREFEGITURA .

---

Nyakubahwa Prezida wa Repubulika, Prezida Fondateur wa Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Nyakubahwa Umunyamabanga Mukuru wa Muvoma yacu,

Ba Nyakubahwa mugize Komite Nyobozi ya M.R.N.D.,

Ba Nyakubahwa Ministri, mugize Gouvernement,

Nyakubahwa Musenyeri,

Ba Sympathisantes na ba Sympathisants,

Ba Militantes, ba Militants,

Uyu munsi w'umwihaliko Prezida wa Repubulika yageneye gusura Prefegitura yacu ya Kibungo ni utubere uwo kwiyumvisha kurushaho ko imbaraga zacu bwite alizo zizatuma u Rwanda rujya imbere. Tubanje gushimira byimazeyo, Prezida Fondateur wa M.R.N.D. Militant Général-Major HABYARIMANA Juvénal udahwema gusura abayoborwa kugira ngo bamugezeho ibitekerezo n'ibyifuzo byabo bigamije gutsura amajyambere y'u Rwanda.

Nyakubahwa Prezida wa Repubulika,

Prefegitura ya Kibungo ili mu burasirazuba bw'igihugu cyacu, ifite ubuso bungana na Km$^2$ 4.133,70 ikaba ituwe na ba Militantes na ba Militants bagera ku bihumbi 324.552. Muli bo igitsina-gore ni ibihumbi 167.452 ni ukuvuga 51,6 %, naho igitsina-gabo ni ibihumbi 157.099 aliko kuvuga 48,4 %. Hafi kimwe cya kabili cy'ubuso navuze mu kanya ni ubutaka butabereye ubuhinzi. Hali gusa Km$^2$ 2.750 zihaliwe n'ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba. Pariki yacu y'Akagera yihaliye Km$^2$ 910 z'ubutaka bwa Prefegitura. Mu mpera z'umwaka wa 1979 ugereranije abaturage n'ubutaka buhingwa, wasangaga Prefegitura ituwe n'abantu 118 kuli Km$^2$ imwe. Ibyagezweho mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi kimwe no gufata ubutaka bwacu neza twabibagejejeho taliki ya 17 Nyakanga 1981 igihe twatahaga ishuli ry'indera-barezi rya haliya i Kabare muli Komini Kigarama.

Nyakubahwa Prezida wa Repubulika,

Kibungo yali muli Prefegitura zali zisigaranye ubutaka buturwa, none ubu bumaze kudushiraho. Muli iki gihe tugiye kurangiza umugambi wa 2 w'amajyambere, ni ngombwa gusubiza amaso inyuma gato,

.../...

tukareba mu byali biteganije muli uwo Mugambi ibyo twashoboye kurangiza n'ibitararangiye n'ingorane zakunze kuboneka, bityo tukabona uko dutangira Umugambi wa 3 w'amajyambere.

Mu buhinzi n'ubworozi :

Twihatiye gufata ubutaka neza, ducukura imilingoti, imibare tukaba twarayigejeje ku babishinzwe. Twateye amashyamba, ku buryo buli Komini ifite nibura ha 23 usibye Komini Rukira ifite ha 83, Selire ya Prefegitura yonyine ikaba yalitereye ha 10. Umushinga wo guhinga umuceli i Rwamagana waratangiye, ndetse ni naho utunganyilizwa. Kandi uwo mushinga uzakomeza gukwizwa no mu bindi bishanga byo muli iyi Prefegitura ya Kibungo. Uburobyi mu kiyaga cy'Ihema bwagezweho kandi buragenda neza. Koperative z'ubworozi zarushijeho gushinga imizi. Dufite 3 muli Komini Rutonde, 1 i Kabarondo. Twihatiye kuzitira inzuli. Prefegitura ilimo Ranch ebyili, ku Rusumo n'i Nasho. Zitaweho n'umushinga wa BGM. Kibungo iracyali mu ma Prefegitura yera imyaka ngandura-rugo. Ni nayo mpamvu twihatiye gushaka aho iyo myaka yabikwa. Dufite na za Silos, navuga nk'iya Mugesera, Rukara na Rusumo.

Mu rwego rw'ubuvuzi :

Umugambi wa 2 udusigiye Centre de Santé i Rukoma muli Sake. Turataha mu minsi ili imbere Centre de Santé y'i Kabarondo n'iya Kirehe muli Komini Rusumo uretse ko tugitegereje ibikoresho twemerewe na Ministeri y'Ubuvuzi. Hali na Dispensaire i Nasho ibuze ibikoresho. I Munyaga muli Komini Rutonde, Ministeri y'Ubuvuzi iherutse gushyira ibuye rya mbere ahazubakwa Centre de Santé kandi amafranga azayubaka yarabonetse, azatangwa n'abagiraneza ba CEBEMO.

Mu gice cy'uburezi :

Ndagira ngo menyeshe n'abatali babizi ko ubu Leta ituba-kira ERAI ntanga-rugero eshatu. Za Ateliers Scolaires zo zuzuye impande zose za Prefegitura. Naho za CERAI, iy'i Nyamugali muli Komini Rusumo yatashywe ejobundi. Sinakwibagirwa ishuli ry'inderabarezi i Kabare muherutse, Nyakubahwa Prezida, kwitahira ubwanyu, likaba lizigirwamo mu ntangiro y'umwaka w'amashuli, ejobundi muli Nzeli.

Ku byerekeye imibereho y'abaturage :

Mu muganda abaturage barushijeho guhanga, gusana no gusukura imihanda n'imigenderano ihuza amasegiteri n'amaselire. Naho ku kibazo cy'amazi, ahagiye haboneka amasôko yarakozwe ndetse hashyizweho

.../...

... nk uko biteganijwe, twazahahirana na Prefegitura ya Butare. Abahanga muby'imihanda batubwiye ko uwo muhanda Kibungo-Butare wagira hafi Km 145 aho kuba 244 unyuze i Kigali.

.../...

Gutumanaho :

Cyakora mu kwikura mu bwigunge nanone turacyabangamiwe n'uburyo bwo gutumanaho. Tukaba twifuza ko umushinga wo gushyikirana ku buryo bwa telephone byazagerwaho. Bityo tugashobora, muli iyi myaka itanu ili imbere, kuvugana neza n'abali i Burayi, i Kigali ndetse n'i Rwamagana. Intego ya Muvoma yacu Ubumwe-Amahoro n'Amajyambere yaducengeyemo. Umutekano ni wose muli Prefegitura yacu. Twumvise ko uwo mulimo tuwusangiye. Si uw'ingabo z'igihugu gusa. Tukaba kandi twarahagurukiye kwamamaza amatwara n'amabwiliza ya Muvoma yacu. Muli buli Komini, ubu hali groupes d'animations ndetse no muli celllules spécialisées. Ibyo bikaba bibereka, Militant Prezida-Fondateur wa M.R.N.D., ko ba militantes na ba militants dutuye muli Prefegitura ya Kibungo twakangukiye kwamamaza no gucengeza amatwara n'amabwiliza ya Muvoma yacu mudatuza kutugezaho. Mu byerekeye Politiki kandi, twize kandi twarangije umushinga w'Itegeko-Teka ligenga abategetsi bo mu nzego za politiki. Ibitekerezo byacu byatanzwe na Kongre ya Prefegitura twabikubiye mu nyandiko-mvugo yohererejwe Prezidansi ya Muvoma.

Nyakubahwa Prezida wa Repubulika,

Ibyateganijwe n'umugambi wa 2 wo gutsura amajyambere ntibyashoboye kugerwaho byose kubera ingorane zikunda kuboneka. Iy'ibanze twali tumaze kugira indilimbo ya buli munsi yali iy'amazi n'umuliro. None ejobundi iyo moteri yaraje, yavuye i Burayi, inyura i Kigali, ubu ili ino aho bagiye kuyubakira, ku buryo duhamya ko mu minsi ya vuba umujyi wa Kibungo uzaba ufite amazi. Hakaba hasigaye ikibazo cy'amashanyarazi. Ndibutsa ko mu Rwanda hose umurwa mukuru wa Prefegitura ya Kibungo aliwo usigaranye iyo ngorane. Nzi neza ko muzabidufashamo.

Mboneyeho umwanya wo gusaba ba militantes na ba militants bateraniye hano kumfasha kubashimira, Militant Prezida na Gouvernement yawe, ukuntu mwakoze uko mushoboye mukatubonera iyo moteri izakwiza amazi mu mujyi wa Kibungo.

Militant Prezida wa Repubulika,

Hali umushinga wa Kibungo II wali uteganije mu mugambi wo gutsura amajyambere. Ugiye kurangira, uwo mushinga ntiwatangiliye igihe wali uteganilijwe. Ubu niho ugitangira. Ku buryo ntacyo urerekana kigaragara. Kuzawongerera igihe byadufasha kugera kuli byinshi mu buhinzi. Naho umushinga BGM urangije igice cyawo cya mbere, umwaka utaha uzatangira igice cya kabili. Tukaba dusaba ko muli icyo gice kili

mu mugambi wa 3 wo gutsura amajyambere umushinga BGM uzakomeze ndetse urusheho kudukorera ibintu bigaragara bigomba gusakara mu makomini uwo mushinga wibandamo. Iyo mishinga ya BGM na Kibungo II ndetse n'indi yose yaza kudutera inkunga mu gutsura amajyambere turayisaba ko igomba gukora ibintu ku buryo igihe izaba irangije igihe cyayo yagira icyo isiga kigaragara. Kubera ko akenshi iyo barangije, bakagenda, usanga umuntu yibaza icyo dusigaranye ugaheba.

Tubabajwe n'uko umushinga w'imigwegwe wateganijwe n'umugambi wa 2 wo gutsura amajyambere ntacyo wakozweho, nyamara uruganda rwacu rw'impapuro rukaba ruyikeneye, ndetse na Rwantexco iramutse iyibonye yakora ibigunira.

Hali umushinga w'ibihingwa bibyara amavuta wali uteganijwe. None ubu tulibaza niba ugitekerezwa. Sinareka ikibuga cy'indege cyali cyasabwe muli iyi Prefegitura ya Kibungo. Dufite imirambi ibikwiye. Hali n'umusozi uraho, wateganyijwe. Tulifuza ko biramutse bishobotse twabona uruganda rw'ibihingwa bibyara amavuta n'ikibuga cy'indege, i Kibungo cyangwa ku Rusumo, cyangwa hombi.

Hali nanone Hôtel-Restaurant byali biteganijwe kuba byakubakwa kuli Muhazi n'i Kibungo. Kugeza ubu rero, Militant Prezida, ntakiragerwaho. Nyamara Prefegitura yacu ili muli za Prefegitura zikunda gusurwa.

Militant Prezida wa Repubulika,

Turasaba ko ubuvuzi bwa Kinyarwanda bwatangiliye muli iyi Prefegitura bwaterwa inkunga ndetse bugakwira no mu yandi maprefegitura. Murabushyigikiye kuko umukuru w'icyo kigo, ejobundi mwabimuhereye umudali. Prefegitura yacu ya Kibungo ili muli zimwe zifite ibiyaga byinshi. Tukaba twifuza inkunga mu bworozi bw'amafi ku buryo bwa kijyambere.

Militant Prezida,

Muli iki gihe dutegura Umugambi wa gatatu wo gutsura amajyambere, turasaba ko iyi mishinga itarashoboye kugerwaho mu mugambi wa kabili kimwe n'umushinga w'amashanyarazi azaturuka Kabarondo akamulikira Kabarondo-Kigarama-ishuli ry'inderabarezi ry'i Kabare-Umugi wa Kibungo-amashuli y'i Zaza n'uruganda rugamije gukora impapuro rw'i Cyizihira ho muli Mugesera, byakwitabwaho kurusha indi.

.../...

Kuli uwo mushinga w'amashanyarazi turasaba ko hatakwibagirana nanone ko amashanyarazi yaturuka i Rwamagana akanyura i Kayonza-Gahini-Rukara-Kiramuruzi akagera i Kiziguro muli Komini Murambi i Byumba.

Sinarangiza ntibukije igaraji rya ONATRACOM ryubatswe i Kibungo rikaba ryali amizero yacu. Kugeza ubu ntiryigeze ryitabwaho, amazu akaba asenyuka tuyareba. Birababaje kubona tugomba gukoresha imilimo yoroshye ku modoka tukayijyana i Kigali kuli Km 112, ni ukuvuga Km 224 kugenda no kugaruka limwe zikararayo, tutibagiwe lisansi ziba zakoreshejwe n'umushoferi umarayo iyo minsi yose n'akazi ka ngombwa gahagarara.

Ngibyo Nyakubahwa Prezida wa Repubulika, ibyo Komite n'ubutegetsi bwa Prefegitura twashoboye kugeraho n'ingorane twakunze guhura nazo mu mugambi wa kabili wo gutsura amajyambere. Naho ibyo twifuza mu mugambi wa gatatu w'amajyambere twabigejeje ku babishinzwe bakazabibagezaho, bimwe by'ingenzi tukaba tumaze kubibibutsa.

Ndangije nongera kubashimira ubwitange mukorana imilimo mushinzwe yo gufasha abatura-Rwanda kwikura mu bukene. Natwe tubijeje ko tuzabashyigikira muli iyo nzira.

Niharambe Prezida wa Repubulika, Jenerali-Major HABYARIMANA Yuvenali, Prezida-Fondateur wa M.R.N.D.

Niharambe ubumwe n'amahoro mu batura-Rwanda bose, abategetsi n'abategekwa.

Niharambe ibikorwa bya kijyambere dukesha amahoro yacu.

Kibungo, kuwa 19 Kanama 1981

PREFE WA PREFEGITURA KIBUNGO
NDEZE Xavier
Sé/